**REPUBURIKA Y'URWANDA**

**INTARA Y'AMAJYEPFO**
**AKARERE KA KAMONYI**
**B.P 03 MUHANGA**
E-mail: info@kamonyi.gov.rw

# ITANGAZO RY'AKAZI

Ubuyobozi bw'Akarere ka Kamonyi buramenyesha abantu bose bifuza kandi babifitiye ubushobozi ko bwifuza kwinjiza abakozi mu rwego rwunganira ubuyobozi bw'Akarere mu gucunga umutekano (DASSO).
Ababyifuza bagomba kuba bujuje ibi bikurikira :

- Kuba ari umunyarwanda;
- Kuba agejeje ku myaka cumi n'umunani (18) kandi atarengeje imyaka mirongo itatu n'itanu (35);
- Kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire;
- Kuba atarigeze akatirwa igifungo ntakuka kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6);
- Kuba afite impamyabumenyi nibura y'amashuri atandatu yisumbuye (A2) ;
- Kuba afite amagara mazima n'intege zibashije imirimo ya DASSO bigaragazwa n'inyandiko za muganga wemewe na Leta ;
- Kuba atarigeze yirukanwa burundu ku kazi cyangwa ngo asezererwe nta mpaka ku murimo uwo ariwo wose wa Leta.

Ababyifuza kandi babifitiye ubushobozi basabwe kuzuza ifishi ikoreshwa mu gusaba akazi iboneka ku rubuga rwa interineti rwa komisiyo ishinzwe abakozi ba Leta iherekejwe na fotokopi y'impamyabumenyi yavuzwe haruguru na fotokopi y'indangamuntu, bigashyikirizwa ubunyamabanga rusange bw'Akarere ka Kamonyi bitarenze kuwa 07/10/2022 saa 17h00.

**Icyitonderwa** :
Iri tangazo riboneka kandi kuri Website y'Akarere ka Kamonyi ariyo :
www.kamonyi.gov.rw

Bikorewe i Kamonyi kuwa 28/09/2022

Dr. NAHAYO Sylvere
Umuyobozi w'Akarere ka Kamonyi

AKARERE KA KAMONYI
REPUBULIKA Y'U RWANDA